**ITEKA RYA MINISITIRI N°005/Minifom RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA UBURYO BWO KWAKA IMPUSHYA, IBISABWA, URUTONDE RW'IBINYABUTAKA N'UBURYO IMBAGO ZISHYIRWAHO MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri iteka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: URUTONDE RW'IBINYABUTAKA**

**Ingingo ya 3: Urutonde rwa mine na kariyeri**

**Ingingo ya 4: Urutonde rwa kariyeri**
**Ingingo ya 5: Urutonde rwa mine**

**UMUTWE WA III: IMPUSHYA Z'UBUCUKUZI BWA ZA MINE NA KARIYERI**

**MINSTERIAL ORDER N°005/Minifom OF 14/09/2010 DETERMINING THE PROCEDURES OF REQUESTING LICENCES, THE CONDITIONS, CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES AND THE PROCEDURES FOR LICENCE LIMITS ON MINING AND QUARRY EXTRACTION**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPITER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions of terms**

**CHAPTER II: CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES**

**Article 3: Classification of mines and quarries**

**Article 4: Classification of quarries**
**Article 5: Classification of mines**

**CHAPTER III: MINING AND QUARRY EXTRACTION LICENSES**

**ARRETE MINISTERIEL N°005/Minifom/2010 DU 14/09/2010 DETERMINANT LES PROCEDURES DE DEMANDE DE PERMIS, LES CONDITIONS, LA CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES ET LES PROCEDURES DE BORNAGE DES CONCESSIONS DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES**

**TABLES DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définitions des termes**

**CHAPITRE II: CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES**

**Article 3 : Classification des mines et des carrières**
**Article 4 : Classification des carrières**
**Article 5 : Classification des mines**

**CHAPITRE III: PERMIS D'EXPLOITATION DES MINES ET DES CARRIERES**

**Icyiciro cya mbere: Uburyo bwo gusaba impushya za mine na kariyeri**

**Ingingo ya 6: Impushya zo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri**

**Ingingo ya 7: Ibisabwa rusange ku usaba impushya**

**Ingingo ya 8: Gahunda y'ishoramari**

**Iyiciro cya 2:Gusaba impushya**

**Ingingo ya 9: Itangwa rya dosiye isaba**

**Ingingo ya 10: Kwakira dosiye isaba uruhushya ku rwego rw'Umurenge**

**Ingingo ya 11: Isuzumwa rya dosiye ku rwego rw'Umurenge**

**Ingingo ya 12: Imyanzuro ifatirwa dosiye isaba uruhushya mu rwego rw'Umurenge**

**Ingingo ya 13: Impushya zitangwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge**

**Icyiciro cya 3: Isuzumwa rya dosiye ku rwego rw'Akarere**

**Ingingo ya 14: Isuzuma rya dosiye ku rwego rw'Akarere**

**Section One: Modalities for mining and quarry extraction license application**

**Article 6: Mining and quarrying licenses**

**Article 7: General requests for license application**

**Article 8: Investment plan**

**Section 2: License application**

**Article 9: Submission of application**

**Article 10: Receiving a license application at Sector level**

**Article 11: Considering an application at Sector level**

**Article 12: Decisions on a license application at Sector level**

**Article 13: Licenses issued by the Sector's Executive Secretary**

**Section 3: Considering an application at District level**

**Article 14: Considering an application at District level**

**Section première: Modalités de demande des permis d'exploitation des mines et carrières**

**Article 6: Permis relatifs aux mines et carrières**

**Article 7: Conditions générales de demande de permis**

**Article 8: Plan d'investissement**

**Section 2: Demande de permis**

**Aticle 9: Remise du dossier de demande**

**Article 10: Réception du dossier de la demande de permis au niveau du Secteur**

**Article 11: Examen du dossier au niveau du Secteur**

**Article 12: Décisions prises sur le dossier de la demande de permis au niveau du Secteur**

**Article 13 : Permis délivré par le Secrétaire Exécutif du Secteur**

**Section 3 : Examen du dossier au niveau du District**

**Article 14: Examen du dossier au niveau du District**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 15: Imyanzuro ifatirwa dosiye isaba uruhushya mu rwego rw'Akarere** | **Article 15: Decisions on a license application at District level** | **Article 15: Décisions prises sur le dossier de la demande de permis au niveau du District** |
| **Ingingo ya 16: Impushya zitangwa n'Umuyobozi w'Akarere** | **Article 16: Licenses granted by a District Authority** | **Article 16 : Permis délivrés par une Autorité du District** |
| **Icyiciro cya 4: Isuzumwa rya dosiye isaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri ku rwego rwa Minisiteri** | **Section 4: Considering an application for a mining and quarry extraction license at Ministry level** | **Section 4 : Examen du dossier de demande de permis d'exploitation des mines et des carrières au niveau du Ministère** |
| **Ingingo ya 17: Dosiye zisuzumwa ku rwego rwa Minisiteri** | **Article 17: Applications processed at Ministry level** | **Article 17 : Dossiers traités au niveau du Ministère** |
| **Ingingo ya 18: Gusaba impushya zo gucukura kariyeri** | **Article 18: Request of quarry extraction license** | **Article 18 : Demande des permis d'exploitation des carrières** |
| **Ingingo ya 19: Dosiye zisuzumwa na Minisiteri** | **Article 19 : Applications to be processed by the Ministry** | **Article 19 : Dossiers traités par le Ministère** |
| **Ingingo ya 20: Kutemera dosiye isaba uruhushya** | **Article 20 : Refusal of license application** | **Article 20 : Rejet du dossier de demande de permis** |
| **UMUTWE WA IV: IYANDIKISHWA RY'UBURENGANZIRA BW'UBUCUKUZI** | **CHAPTER IV : REGISTRATION OF QUARRY EXTRACTION LICENSE** | **CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT DU PERMIS D'EXPLOITATION** |
| **Ingingo ya 21: Umubitsi w'Inyandikompamo za Mine** | **Article 21: Registrar of the Titles of Mines** | **Article 21: Conservateur des Titres Miniers** |
| **Ingingo ya 22: Ihindurwa ry'Igitabo cy'Inyandikompamo za Mine na Kariyeri** | **Article 22 : Modification of the content of the Register of Authentic Mining and Quarries titles** | **Article 22 : Modification du contenu du Registre des Actes Authentiques des Mines et Carrières** |
| **Ingingo ya 23: Kwandikisha itangwa, ubukode bw'ibirombe n'ihererekanywa ry'uburenganzira bwo gucukura** | **Article 23 : Registration of the transfer, lease of concession and cession of quarry extraction license** | **Article 23 : Enregistrement du transfert, de la location de concession et de la cession de la licence d'exploitation** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA V: IYONGERWA RW'URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI** | **CHAPTER V: RENEWAL OF EXTRACTION LICENSE** | **CHAPITRE V : RENOUVELLEMENT DU PERMIS D'EXPLOITATION** |
| **Ingingo ya 24: Itangwa rya dosiye isaba kongererwa uruhushya rw'ubucukuzi** | **Article 24: Submission of application for extraction license renewal** | **Article 24 : Remise de dossier de demande de renouvellement du permis d'exploitation** |
| **Ingingo ya 25: Ishingano z'Umubitsi w'Inyandikompamo za Mine nyuma y'iyongerwa** | **Article 25: Obligations of the the Registrar of the Titles of Mines after renewal** | **Article 25 : Obligations du Conservateur des Titres Miniers après renouvellement** |
| **UMUTWE WA VI: KUREKA URUHUSHYA RWO GUCUKURA AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI** | **CHAPTER VI: RENOUNCING A MINING AND QUARRY EXTRACTION LICENSE** | **CHAPITRE VI : RENONCIATION AU PERMIS D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES** |
| **Ingingo ya 26: Kureka uruhushya** | **Article 26: Renouncing a License** | **Article 26 : Renonciation au permis** |
| **Ingingo ya 27: Ingaruka zo kureka uruhushya** | **Article 27: Consequences of renouncing a license** | **Article 27 : Conséquences de renonciation au permis** |
| **Ingingo ya 28: Impamvu yo kwamburwa uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri** | **Article 28: Grounds for withdrawal of the license of mining and quarry extraction** | **Article 28 : Motif de retrait du permis d'exploitation des mines et des carrières** |
| **Ingingo ya 29: Gusubiza nyir'uruhushya ingwate yatanze** | **Article 29: Refund the deposit to the license holder** | **Aricle 29: Remise de la caution au titulaire du permis** |
| **Ingingo ya 30: Ingaruka zo kwamburwa uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro** | **Article 30: Consequences of withdrawal of mining extraction license** | **Article 30 : Conséquences de retrait du permis d'exploitation des mines** |
| **UMUTWE WA VII: UBURYO BW'ITERWA RY'IMBAGO** | **CHAPTER VII: MODALITIES FOR FIXING BOUNDARIES OF A CONCESSION** | **CHAPITRE VII : MODALITES DE FIXATION DES BORNES DE LA CONCESSION** |

**Ingingo ya 31: Gushingirwa imbago burundu**

**Ingingo ya 32: Kwiga jewoloji y'ahantu**

**Ingingo ya 33: Ibikorwa mu kwiga jewoloji y'ahantu**

**UMUTWE WA VIII: AMASEZERANO ASHINGIYE KU MPUSHYA Z'UBUCUKUZI NO KWAMBURWA URUHUSHYA RWO GUKEBERWA IMBAGO**

**Ingingo ya 34: Amasezerano hagati y'ufite uruhushya n'undi muntu**

**Ingingo ya 35: Uburyo bwo guteza imbago cyamunara**

**Ingingo ya 36: Ikoreshwa ry'amafaranga avuye muri cyamunara**

**Ingingo ya 37: Uburenganzira bw'uwambuwe imbago**

**UMUTWE WA IX: IGITABO CY'IBIKURIKIZWA NA RAPORO**

**Ingingo ya 38: Igitabo cy'ibikurikizwa mu rwego rwa tekiniki**

**Ingingo ya 39: Imiterere y'ibikubiye mu gitabo**

**Article 31: Fixing concession boundaries definitively**

**Article 32: Geological study of the site**

**Article 33: Activities carried out as part of a geological study of a site**

**CHAPTER VIII: CONTRACT BASED ON EXTRACTION LICENSES AND DEPRIVATION OF LICENCE**

**Article 34: Contract between a holder of a licence and a third party**

**Article 35: Modalities for selling a concession by auction**

**Article 36: Use of the proceeds of the auction sale**

**Article 37: Rights of the concessionary deprived of his concession**

**CHAPTER IX: TECHNICAL SPECIFICATION DOCUMENT AND REPORT**

**Article 38 : Technical specification document**

**Article 39: Structure of the content of the**

**Article 31 : Fixation définitive des bornes de la concession**

**Article 32 : Etude géologique du site**

**Article 33 : Activités réalisées dans l'étude géologique d'un site**

**CHAPITRE VIII : CONTRAT BASE SUR LES PERMIS D'EXPLOITATION ET DECHEANCE DU CONCESSIONNAIRE**

**Article 34: Contrat entre le titulaire du permis et une tircr personne**

**Article 35: Adjudication publique de la concession**

**Article 36: Utilisation du produit de l'adjudication publique**

**Article 37: Droits du concessionnaire déchu de sa concession**

**CHAPITRE IX : CAHIER DES CHARGES TECHNIQUES ET RAPPORT**

**Article 38 : Cahier des charges techniques**

**Article 39: Structure du contenu du cahier des**

| | | |
|---|---|---|
| **cy'ibikurikizwa mu rwego rwa tekiniki z'ubucukuzi** | **technical exploitatation specification document** | **charges techniques d'exploitation** |
| **Ingingo ya 40: Raporo** | **Article 40: Report** | **Article 40: Rapport** |
| **Ingingo ya 41: Igihe cyo gutanga raporo** | **Article 41: Period for filing a report** | **Article 41: Période de soumission de rapport** |
| **UMUTWE WA X: ISUKU N'UMUTEKANO MURI ZA MINE NA KARIYERI** | **CHAPTER X: HYGIENE AND SAFETY IN MINES AND QUARRIES** | **CHAPITRE X: HYGIENE ET SECURITE DANS LES MINES ET CARRIERES** |
| **Ingingo ya 42: Amategeko agenga isuku n'umutekano** | **Article 42: Regulation on hygiene and safety** | **Article 42 : Règlements régissant l'hygiène et la sécurité** |
| **Ingingo ya 43: Gukoresha intambi** | **Article 43: Use of dynamites** | **Article 43 : Usage de dynamites** |
| **Ingingo ya 44: Uruhushya rwo gutanga serivisi mu byerekeye gukoresha intambi** | **Article 44: License to provide services relating to the use of dynamites** | **Article 44 : Permis de services relatifs à l'utilisation des dynamites** |
| **UMUTWE WA XI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER XI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE XI : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 45: Gukoresha impapuro zuzuzwa** | **Article 45: Use of forms** | **Article 45 : Usage de formulaires** |
| **Ingingo ya 46: Dosiye zarangije gutangwa** | **Article 46: Documents already issued** | **Article 46: Documents déjà délivrés** |
| **Ingingo ya 47: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 47: Repealing provision** | **Article 47 : Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 48: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa** | **Article 48: Commencement** | **Article 48 : Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI N°005/Minifom RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA UBURYO BWO KWAKA IMPUSHYA, IBISABWA, URUTONDE RW'IBINYABUTAKA N'UBURYO IMBAGO ZISHYIRWAHO MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI**

**Minisitiri w'Amashyamba na Mine;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 14, iya 23, iya 64 n'iya 81;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/06/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**MINSTERIAL ORDER N°005/Minifom OF 14/09/2010 DETERMINING THE PROCEDURES OF REQUESTING LICENCES, THE CONDITIONS, CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES AND THE PROCEDURES FOR LICENCE LIMITS ON MINING AND QUARRY EXTRACTION**

**The Minister of Forestry and Mines;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation, especially in Articles 5, 14, 23, 64 and 81;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/06/2010;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE MINISTERIEL N°005/Minifom/2010 DU 14/09/2010 DETERMINANT LES PROCEDURES DE DEMANDE DE PERMIS, LES CONDITIONS, LA CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES ET LES PROCEDURES DE BORNAGE DES CONCESSIONS DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES**

**Le Ministre des Forêts et Mines ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières, spécialement en ses articles 5, 14, 23, 64 et 81;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/06/2010;

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri iteka rigamije**

Iri teka rigena uburyo bwo kwaka impushya, ibisabwa, urutonde rw'ibinyabutaka, uburyo imbago zishyirwaho mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

1° **Itegeko** bisobanuye itegeko rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

2° **Umubitsi w'Inyandikompamo za Mine** bisobanuye Umukozi ushinzwe gucunga dosiye z'inyandikompamo za mine.

3° **Minisitiri** bisobanuye Minisitiri ufite ubucukuzi by'amabuye y'agaciro na kariyeri mu nshingano ze.

**CHAPITER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the procedures of requesting licences, the conditions, classification of mineral substances, the procedures for licence limits on mining and quarry extraction.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purpose of this Order, the following terms shall mean:

1° **Law** means Law on mining and quarry extraction;

2° **Registrar of the Titles of Mines** means Official in charge of management of the titles of mines.

3° **Minister** means Minister in charge of mines and quarry

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les procédures de demande de permis, les conditions, la classification des substances minérales, les procédures de bornage des périmètres dans l'exploitation des mines et des carrières.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux termes du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **Loi** signifie loi portant l'exploitation des mines et des carrières;

2° **Conservateur des Titres Miniers** signifie Agent chargé de la gestion des titres miniers.

3° **Ministre** signifie le Ministre chargé des Mines et Carrières.

**UMUTWE WA II: URUTONDE RW'IBINYABUTAKA**

**Ingingo ya 3: Urutonde rwa mine na kariyeri**

Indiri za mini cyangwa ibisigazwa biri mu kuzimu cyangwa hejuru ku butaka bifatwa nka kariyeri cyangwa mine hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 4: Urutonde rwa kariyeri**

Kariyeri ni inganzo z'amabuye akoreshwa mu bwubatsi, umucanga, ibumba, ibitaka, ibifonyo, imyunyu ifumbira n'ibindi bisa n'ibyo, uretse imyunyu yo mu bwoko bwa fosifati, nitarati, sulifati, kolorire, fuliwolile, karibonati, alikalini n'indi myunyu ikomokamo mu ndiri zimwe na yo.

Nyiramugengeri na zo zishyirwa muri za kariyeri.

**Ingingo ya 5: Urutonde rwa mine**

Mine ni inganzo z'ibinyabutaka byose bivamo ibyuma kandi bitabarirwa muri kariyeri. Ibyo binyabutaka bishingirwa imbago.

Inyubako n'ibikoresho byo muri mine bigengwa n'amategeko agenga mine.

**CHAPTER II: CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES**

**Article 3: Classification of mines and quarries**

Mineral substances which are ground beneath or on the surface shall be classified in the category of quarry and mines by specific laws.

**Article 4: Classification of quarries**

Quarry is deposits of building rocks, limestone, clay, soil, travertine, fertilizing salts and other similar substances, except phosphates, nitrates, sulfates, chlorides, fluorides, carbonates, alkaline, and other salts available in the same deposit.

Peat is also referred to as quarry.

**Article 5: Classification of mines**

Mines are deposits of metal substances that are not classified in the category of quarry. Mines are comprised in concession.

Laws on mining extraction are applicable on its constructions and different equipments.

**CHAPITRE II: CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES**

**Article 3 : Classification des mines et des carrières**

Les gîtes de substances minérales ou fossiles renfermées dans le sein de la terre ou existant à la surface sont classées, relativement à leur régime légal, en carrières ou en mines.

**Article 4 : Classification des carrières**

Les carrières sont les gîtes de roches de construction, sables, argiles, terres, travertins, sels fertilisants et autres substances analogues, sauf les phosphates, les nitrates, les sulfates, les chlorites, les fluorines, les carbonates, les alcalins et les autres sels associés dans les mêmes gisements.

Les tourbières sont également classées dans les carrières.

**Article 5 : Classification des mines**

Les mines sont des gites de toutes les substances minérales métalliques non classées dans les carrières. Les mines sont concessibles.

Les lois régissant les mines sont applicables à leurs constructions et leurs différents équipements.

**UMUTWE WA III: IMPUSHYA Z'UBUCUKUZI BWA ZA MINE NA KARIYERI**

**Icyiciro cya mbere: Uburyo bwo gusaba impushya za mine na kariyeri**

**Ingingo ya 6: Impushya zo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri**

Impushya zisabwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ni:

1° Uruhushya rwo kurambagiza inganzo;

2° Uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;

3° Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto;

4° Uruhushya rwo gucukura mine nini;

5° Uruhushya rwo gucukura kariyeri zitagamije gucuruzwa;

6° Uruhushya rwo gucukura kariyeri zigamije gucuruzwa;

7° Uruhushya rwo gucukura kariyeri zizigamiwe Leta.

**CHAPTER III: MINING AND QUARRY EXTRACTION LICENSES**

**Section One: Modalities for mining and quarry extraction license application**

**Article 6: Mining and quarrying licenses**

Requested Mining and quarrying licences are the following:

1° Prospecting license;

2° Exploration licence for;

3° Small mine extraction licence;

4° Concession licence;

5° Quarry extraction license of non commercial purpose;

6° Quarry extraction licence of a commercial nature;

7° Licence extraction of quarry reserved for State.

**CHAPITRE III: PERMIS D'EXPLOITATION DES MINES ET DES CARRIERES**

**Section première: Modalités de demande des permis d'exploitation des mines et carrières**

**Article 6: Permis relatifs aux mines et carrières**

Les permis demandés dans les exploitations des mines et les carrières sont les suivants :

1° Permis de prospection;

2° Permis de recherche ;

3° Permis d'exploitation de petites mines;

4° Permis de concession minière;

5° Permis d'exploitation des carrières à caractère non commercial;

6° Permis d'exploitation des carrières à caractère commercial ;

7° Permis d'exploitation des carrières réservées de l'Etat.

**<u>Ingingo ya 7:</u> Ibisabwa rusange ku usaba impushya**

Dosiye yose isaba impushya igomba kuba irimo ibi bikurikira:

1° ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge uherereyemo ahasabwa gukorerwa imirimo y'ubucukuzi. Kopi y'iyo baruwa igenerwa Umuyobozi w'Akarere, Ikigo cy'Igihugu cya Jewoloji na Mine na Minisitiri;

2° ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Umuyobozi w'Akarere mu gihe ahasabwa harenga imbibi z'Umurenge. Kopi y'iyo baruwa igenerwa Ikigo cy'Igihugu cya Jewoloji na Mine na Minisitiri;

3° ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Minisitiri igihe ahasabwa harenze imbibi z'Akarere cyangwa Intara:

4° amabaruwa asaba agomba kugaragaza itariki, amazina y'usaba, agasanduku k'iposita ye, nomero ya telefone ye, *e-mail* ye, icyicaro cye, umukono na kashe bye;

5° ibaruwa igomba kandi kugaragaza izina ry'inganzo cyangwa mine isabwa, Agasozi, Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'Intara irimo;

**<u>Article 7</u>: General requests for license application**

All application for licenses must include the following:

1° a license application letter addressed to the Executive Secretary of the Sector where mining extraction are to be carried out. A copy of such letter shall be sent to the Mayor of the District, Rwanda Geology and Mines Authority and the Minister;

2° a licence application letter addressed to the Mayor of District in case the area applied for extends beyond the Sector boundaries. A copy of such letter shall be sent to Rwanda Geology and Mines Authority and the Minister;

3° a licence application letter addressed to the Minister in case the area applied for extends beyond the District or Province boundaries;

4° application letters must include the date, the applicant's name, his/her postal address, telephone number, e-mail, head office, signature and stamp;

5° the letter must also include the name of the deposit or the mine applied for, the hill, the Village, the Cell, the Sector, the District and the Province where it is located;

**<u>Article 7</u>: Conditions générales de demande de permis**

Toute demande de permis doit doit comprendre les éléments suivants :

1° une lettre de demande de permis adressée au Secrétaire Exécutif du Secteur où les activités d'exploitation minière seront menées. Une copie de cette lettre est réservée au Maire du District, à l'Office de la Géologie et des Mines du Rwanda et au Ministre;

2° une lettre de demande adressée au Maire du District au cas où la zone sollicitée dépasse les limites du Secteur. Une copie de cette lettre est réservée à l'Office de la Géologie et des Mines du Rwanda et au Ministre;

3° une lettre de demande adressée au Ministre et au cas où la zone sollicitée dépasse les limites du District ou de la Province ;

4° les lettres de demande doivent comporter la date, le nom du demandeur, sa boite postale, son numéro de téléphone, son e-mail, son siège social, sa signature et son cachet ;

5° la lettre doit également inclure le nom du gisement ou de la mine sollicitée, la Colline, le Village, la Cellule, le Secteur, le District et la Province où elle se trouve ;

6° Ikarita y'ahasabwa ifite ibipimo ndangahantu byafashwe n'impuguke yemewe n'Ikigo cy'Igihugu cya Jewoloji na Mine mu Rwanda. Ibyo bipimo bifatwa hakurikijwe uburyo bwo gupima bwemewe mu Gihugu;

7° inyandiko igaragaza uko imirimo izakorwa n'amafanga azayitangwaho;

8° kopi y'inyigo y'ingaruka ku bidukikije n'icyemezo cy'uko yemewe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) ku usaba uruhushya rwo gucukura;

9° kuri koperative na sosiyete, ku bisabwa bimaze kuvugwa haruguru dosiye yongerwamo kandi ibi bikurikira:

a) Amategeko shingiro ya sosiyeti cyangwa koperative ariho umukono wa Noteri;

b) Icyemezo cy'uko sosiyete yemewe n'Umwanditsi Mukuru w'Amasosiyete;

c) Icyemezo cy'uko koperative yemewe n'Ikigo Gishinzwe Amakoperative.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Gahunda y'ishoramari**

Gahunda y'ishoramari igomba kugaragaza

6° the map of the area applied for shall have topographic coordinates taken by an expert approved by Rwanda Geology and Mines Authority.Those coordinates shall be taken following the procedures approved in Rwanda;

7° actions plan and cost of works;

8° a copy of a study environmental impact and a certificate of its approval by Rwanda Development Board (RDB) for application for mining licence;

9° for a co-operative and a company, in addition to the requirements above mentioned, the application shall also include the following:

a) Status of company or co-operative signed by the Notary;

b) Attestation of the Company registration by Companies General Registrar;

c) Attestation of the Co-operative registration by Rwanda Cooperatives Agency.

**<u>Article 8</u>: Investment plan**

The investment plan must show the capital budget

6° la carte du lieu sollicité comportant des coordonnées topographiques prises par un expert agréé par l'Office de la Géologie et des Mines du Rwanda. Ces coordonnées topographiques sont prises selon les procédures approuvées au Rwanda;

7° un plan d'actions et le coût des travaux ;

8° une copie de l'étude d'impact environnemental et une attestation de son agrément par Rwanda Development Board (RDB) pour la demande d'un permis d'exploitation;

9° pour une coopérative ou une société, en plus des documents requis ci-haut mentionnés, le dossier comporte ce qui suit:

a) Les Statuts de la société comportant la signature du Notaire ;

b) Attestation d'enregistrement par le Registraire Général des Sociétés ;

c) Attestation d'enregistrement de la coopérative délivrée par l'Agence des Coopératives du Rwanda.

**<u>Article 8</u>: Plan d'investissement**

Le plan d'investissement doit montrer le budget d'investissement à utiliser pour toute la durée du

umubare w'igishoro kizakoreshwa mu gihe cyose umushinga uzamara.

Igishoro gikoreshwa ku buryo bukurikira:

1° igishoro cy'amakoperative cyangwa ku muntu wikorera:

a) amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5.000 Frw) kuri hegitari imwe (1 ha), k'usaba uruhushya rwo kurambagiza inganzo;

b) amafaranga ibihumbi mirongo itatu y'u Rwanda (30.000 Frw) kuri hegitari imwe (1 ha), k'usaba uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;

c) igishoro kigaragazwa n'inyigo y'uko umushinga uzakorwa k'usaba uruhushya rwo gucukura.

d) igishoro cyemezwa na Minisitiri ufite mine na kariyeri mu nshingano ze.

2° Igishoro cy'amasosiyete:

a) amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5.000 Frw) kuri hegitari imwe (1 ha), k'usaba uruhushya rwo kurambagiza inganzo;

b) amafaranga ibihumbi mirongo itanu y'u Rwanda (50.000 Frw) kuri hegitari imwe (1

to be used during the project span.

The investment is used as follows:

1° the investment by Co-operatives or by an individual:

a) five thousand Rwandan francs (Rwf 5.000) per One hectare (1 ha), for a prospecting license applicant;

b) thirty thousands Rwandan francs (Rwf 30,000) per One hectare (1 ha) for a exploration license applicant.

c) the investment determined by the feasibility study of the project for mining licence applicant.

d) the investment is approved by the Minister in charge of mines and quarries.

2° The investment by companies:

a) five thousands Rwandan francs (Rwf 5,000) for One hectare (1 ha), for a prospecting licence applicant ;

b) fifty thousands Rwandan francs (Rwf 50,000) for One hectare (1 ha) for a exploration

projet.

Le capital est utilisé comme suit :

1° le capital investi par des coopératives ou par un individu :

a) cinq mille francs Rwandais (5.000 Frw) par un hectare (1 ha) pour un requérant d'un permis de prospection ;

b) trente mille francs Rwandais (30.000 Frw) par un hectare (1 ha) pour un requérant d'un permis de recherche,

c) l'investissement déterminé avec l'étude de faisabilité du projet.

d) l'investissement est approuvé par le Ministre ayant les mines et carrières dans ses attributions.

2° L'investissement par les sociétés:

a) cinq mille francs Rwandais (5.000 Frw) pour un hectare (1 ha), pour un requérant d'un permis de prospection;

b) cinquante mille francs Rwandais (50.0000Frw) pour un hectare (1 ha) pour

ha), k'usaba uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;

c) igishoro kigaragazwa n'inyigo y'uko umushinga uzakorwa. Igishoro cyemezwa na Minisitiri.

3° Igishoro cyemewe nk'igishowe mu mirimo y'ubucukuzi ni iki gikurikira:

a) igishoro kigiye mu mirimo yo kurambagiza, gukora ubushakashatsi no gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri;

b) igishoro kigiye mu bikorwa byo gusesengura ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe ahatangiwe uruhushya;

c) igishoro kigiye ku mirimo yo muri laboratuwari;

d) igishoro kigiye ku nyigo y'uko umushinga uzakorwa;

Amafaranga yishyurwa mu guhabwa uruhushya cyangwa ayishyurwa ku butaka n'amazu, ntabarwa mu gishoro gishyizwe mu mirimo ijyanye n'ubucukuzi.

license applicant;

c) the investment is determined by the feasibility study of the project. It is approved by the Minister.

3°Accepted investment in extraction activities is the following:

a) the investment in prospecting, exploration and mining and quarry extraction activities;

b) the capital engaged in assessing the results from exploration carried out in an area for which a license was issued;

c) the investment engaged in laboratory activities;

d) the investment engaged in the feasibility study;

The taxes paid for issuance of a license or the amount paid for the land and the houses is not included in the capital engaged in mining extraction.

un requérant du permis de recherche ;

c) l'investissement est déterminé par l'étude de faisabilité du projet. Il est approuvé par le Ministre.

3° L'investissement suivant est accepté comme investi dans les activités minières :

a) l'investissement engagé dans les activités de prospection, de recherche et d'exploitation des mines et des carrières ;

b) l'investissement engagé dans l'analyse des résultats de la recherche menée dans un lieu pour lequel un permis a été accordé;

c) l'investissement engagé dans les activités de laboratoire;

d) l'investissement engagé dans l'étude de faisabilité;

Les taxes payées pour la délivrance d'un permis ou le montant payé pour le terrain et les maisons, ne fait pas partie de l'investissement dans l'exploitation minière.

**<u>Iyiciro cya 2</u>:Gusaba impushya**

**<u>Ingingo ya 9</u>: Itangwa rya dosiye isaba**

Usaba uruhushya rwo kurambagiza inganzo cyangwa gukora ubushakashatsi yandikira Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge azakoreramo ibikorwa bye, akurikije ifishi ishyirwaho na Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Kwakira dosiye isaba uruhushya ku rwego rw'Umurenge**

Mbere yo gushyikiriza dosiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, Umukozi ushinzwe kwakira amadosiye ku rwego rw'Umurenge asuzuma:

1° niba gusaba byaranditswe ku ifishi kandi hometseho impapuro zose zisabwa usaba uruhushya;

2° niba hatanzwe kopi icyenda (9) z'umwimerere z'inyandiko zisaba kandi ziriho umukono na kashe by'usaba.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wakiriye dosiye ashyira umukono na kashe kuri kopi y'ifishi isaba uruhushya ijyanwa na nyir'ugusaba.

**<u>Section 2</u>: License application**

**<u>Article 9</u>: Submission of application**

The person applying for a prospecting licence or exploration license shall write to the Executive Secretary of the Sector where he/she shall carry out his/her activities, according to a form established by the Minister.

**<u>Article 10</u>: Receiving a license application at Sector level**

Before sending the requesting file to the Executive Secretary of the Sector, the Receptionist shall verify:

1° whether the application was written on the form to which are attached all required documents for the applicant of a licence;

2° whether nine (9) original documents, signed and stamped by the applicant of a licence, were submitted.

The Executive Secretary shall sign and stamp the copy of the application taken by the applicant

**<u>Section 2</u>: Demande de permis**

**<u>Aticle 9</u>: Remise du dossier de demande**

Le demandeur d'un permis de prospection ou de recherche écrit au Secrétaire Exécutif du Secteur dans lequel il va mener ses activités, selon la fiche établie par le Ministre.

**<u>Article 10</u>: Réception du dossier de la demande de permis au niveau du Secteur**

Avant d'envoyer le dossier au Secrétaire Exécutif du Secteur, le réceptioniste verifie:

1° si la demande est écrite sur la fiche à laquelle sont attachés tous les documents de demande de permis requis ;

2° si neuf (9) documents originaux signés et cachetés par le demandeur, ont été transmis.

Le Secrétaire Exécutif appose sa signature et cachet sur la copie de la fiche de demande du permis qui est remise au demandeur.

**Ingingo ya 11: Isuzumwa rya dosiye ku rwego rw'Umurenge**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa asuzuma dosiye zisaba uruhushya rwo kurambagiza cyangwa gukora ubushakashatsi mu buryo bukurikira:

1° kwandika dosiye isaba mu gitabo cyagenewe kwandikwamo abasaba impushya;

2° gusura ahasabwa aherekejwe n'usaba n'impuguke yakoze ikarita;

3° gushyira ibimenyetso by'agateganyo ku mbibi z'ahasabwa;

4° kuzuza ifishi y'isuzuma rya dosiye isaba uruhushya ishyirwaho na Minisitiri, akayishyiraho numero ihuje n'iri mu gitabo cyandikwamo amadosiye asaba impushya, itariki, umukono na kashe by'Umurenge.

**Ingingo ya 12: Imyanzuro ifatirwa dosiye isaba uruhushya mu rwego rw'Umurenge**

Iyo amaze gusuzuma dosiye, agasanga irimo ibyangombwa bisabwa kandi ahasabwa nta mbogamizi hafite, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yoherereza Akarere kopi umunani (8) z'umwimerere za

**Article 11: Considering an application at Sector level**

The Executive Secretary will consider applications for a prospecting or expoloration license as follows:

1° register the application in the register for the license applicants;

2° visit the area applied for, accompanied with the applicant and an expert who designed the map;

3° put temporary signs on the boundaries of the area that was applied for;

4° fill in the form used in considering an application established by the Minister. Put on it a number similar to the number that is in the register of the applications for licenses, the date, the signature and the stamp of the Sector.

**Article 12: Decisions on a license application at Sector level**

Whether on considering an application, the Executive Secretary of the Sector finds that this application contains the required elements and that the area that is applied for is without inconvenience, he/she will send eight (8) original

**Article 11: Examen du dossier au niveau du Secteur**

Le Secrétaire Exécutif procède à l'examen des demandes de permis de prospection ou de recherche comme suit:

1° enregistrer la demande dans le registre des demandeurs de permis ;

2° visiter le site sollicité en compagnie du demandeur et d'un expert qui a fait la carte ;

3° mettre des signes provisoires aux bornes de la place sollicitée ;

4° remplir la fiche d'examen d'un dossier de demande de permis établie par le Ministre, y porter un numéro similaire au numéro qui est dans le registre des demandes de permis, la date, la signature et le cachet du Secteur.

**Article 12: Décisions prises sur le dossier de la demande de permis au niveau du Secteur**

Lorsque, après l'examen d'un dossier de demande, le Secrétaire Exécutif du Secteur constate que ce dossier contient les éléments exigés et que le site demandé est sans inconvénient, il envoie au District huit (8) copies

dosiye mu minsi itarenze itanu (5) y'akazi kuva yakiriye dosiye yuzuye.

Iyo iyo minsi irenze dosiye idasuzumwe n'Umurenge, Umuyobozi bw'Akarere bugomba kuyisuzumira ubwabwo kandi bukayirangiza mu gihe kitarenze iminsi itanu (5).

Iyo isuzuma risanze idosiye itarimo ibyangombwa bisabwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ahita yandikira usaba uruhushya ibaruwa imusaba kuzuza dosiye ye mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.

Iyo iminsi itanu (5) irenze nyir'idosiye atarazana ibyo yasabwe n'Umurenge, iyo dosiye ifatwa nk'aho ihakaniwe, bikamenyeshwa uwasabaga mu nyandiko bitarenze iminsi itatu y'akazi (3).

**<u>Ingingo ya 13</u>: Impushya zitangwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ashobora gutanga:

1° uruhushya rwo gucukura kariyeri

copies of the application to the District in a period not exceeding five (5) working days counting from when he/she received a complete application.

